	Uburyo bwo gukusanya, gutunganya no gukwirakwiza amakuru kuri filiyeri y'imbuto mu Rwanda	Kode y'inyandiko: 41KR119I128v2
	IGICE CYA 4 : UBUMENYI BW'IMIKORERE MU BYA TEKINIKI	Itariki yo kujyanisha inyandiko n'igihe Kanama 2009
TEKINIKI ZO GUHINGA KIJYAMBERE : INGANO		Inyandiko ikomatanyije

Inkomoko y'inyandiko	AJENDA Y'UBUHINZI/MINAGRI

Itariki inyandiko yasohokeyeho	2008-2009

Umubare w'amapagi	3

INGANO

1. Aho ingano zihingwa : zihingwa cyane turere tw'amakoro, u Buberuka no mu karere k'isunzu rya Kongo Nil.

2. Ubutaka : igihingwa gikunda ubutaka bw'isi ndende bufite ifumbire y'imborera ihagije kandi buhitisha amazi.

3. Amoko yamamazwa : hari Musama, Bisagi na Uganda 6.

4. Gutegura umurima

Imirimo isabwa: kurwanya isuri, kurima bwa mbere no kurima bwa kabiri aribyo gutabira bagiye gutera imbuto.

5. Gufumbira :

- Bakoresha toni 10 z'ifumbire y'imborera iboze neza mbere yo kubiba.
- Bakongeramo ifumbire mvaruganda kg 250 za NPK 17.17.17 kuri Ha,cyangwa kg 100 za DAP. Iyo fumbire ivangwa n'imbuto mbere yo gutera.
- Nyuma y'ibyumweru 6, bongeramo 100 kg za urea kuri Ha.
- Mu butaka busharira babanza gushyiramo toni 3,5 z'ishwagara kuri Ha ikamaramo ibihe by'ihinga bine (4 seasons).

6. Igerambuto

Umuhinzi akoresha kg 200 z'imbuto z'ingano kuri Ha. Atera kuri cm 20 hagati y'imirongo kandi agatera hagati muri Nzeli no hagati ya Werurwe.

7. Gufata neza ingano mu mirima

Mu mirimo y'ingenzi twavuga kubagara no gusukira buhoro no kurwanya indwara n'ibyonnyi hakoreshejwe amoko yihanganira indwara no gutera imiti.

8. Ibyonnyi n'indwara by'ingenzi byangiza Ingano

Ibyonnyi:

a) Agakoko karya amababi: ni agakoko ko mu bwoko bw'ibivumvuri bita *Epilashna spp.* Kameze nk'impeke y'ikawa. Ako gakoko gafite ibara ry'umutuku ririmo utudomo twinshi tw'umukara.

Ibimenyetso

Agakoko kakiri gato, gaharura ikibabi mu ruhande rwo hasi naho agakuze karya gahereye ku migongo y'ikibabi.

Uburyo bwo karwanya no kugakumira:

Bakayirwanya bakoresheje imiti ya kizungu nka Dimethoate, Chloropyrophos-ethyl, Cypermethrine.

Indwara

b) Indwara ya Seputoriyoze (septoriose): iterwa n'agahumyo bita *Septoria tritici*.

Ikimenyetso:

Iyo ndwara igaragazwa n'amabara maremare atareshya y'ikigina cyeruruka mu ibara hagati, umuzenguruko w'ibara ukaba ikigina cyijimye. Iyo ndwara itangirira ku mababi yo hasi. Iyo ibonetse mu murima utarera ntacyo basarura. Ubusanzwe igabanya umusaruro cyane w'ingano kandi iboneka mu gihe gihehereye kirangwa n'ubushyuhe.

Uko barwanya iyo indwara: Bayirwanya batera imbuto ziyihanganira, kandi z'indobanure, guhingira igihe, guhungira imbuto mbere yo kuzitera no kurunda inganagano mu k'impoteri cyazo ahitaruye.

c) Umugese w'ingano: uterwa n'agahumyo bita *Puccinia sp.* (*Striifomis, gramminis na recondida).*

Ikimenyetso:
Iyo ndwara igaragazwa n'utudomagure tw'ifu tw'umuhondo wijimye cyangwa umukara ku mababi y'ingano. Amababi yafashwe cyane aruma ikunze kuboneka mu gihe hakonje kandi ingano ziyirwaye zigira ibihuhwe byinshi. Iboneka cyane nyima y'iterera.
Uko barwanya iyo indwara: Bayirwanya batera imbuto ziyihanganira kandi kare. Gutera imbuto zihungiye na Thiram, gusimburanya ibihingwa mu murima kuko agahumyo kayitera gashobora gafashe ku bishibu cyangwa ku ngemwe zikomoka ku ntete z'ingano zaguye hasi. kurunda inganagano mu k'impoteri cyazo ahitaruye.

9. Igihe yerera: ingano yera hagati y'iminsi 120 cyangwa 140 bitewe n'ubwoko bwayo.

10. Gusarura no guhunika:
o Basarura ingano zeze neza zigatoranywa kandi zikanikwa kugira ngo zume neza
o Umusaruro uboneka ni hagati ya toni 3-4/Ha
o Zihunikwa ahantu humutse kandi hafite umwuka uhagije.